# FDU Inkingi iratunga agatoki FPR kubimisha impapuro z’inzira.

*Mercredi 22 Juillet 2009 8h*
De: murebwayire
Byasinywe na Habiyambere Valens ku rupapuro rwa 12 rw'Umuvugizi.

Nyuma y'aho, muri Nzeri 2008, ibiro bikuru by'ishyaka FDU Inkingi bifatiye icyemezo kidakuka cyo kwitabira amatora ya Perezida wa Repububulika azabera mu Rwanda mu mwaka wa 2010, ubuyobozi bw'ishyaka bukomeje gushyashyana bwitegura gushinga ibirindiro mu gihugu. Abakekaga rero ko icyemezo cyafashwe mu buryo bujenjetse ngo basubize amerwe mw'isaho.

Hashizi igihe umuyobozi w'ishyaka n'abazamuherekeza batse impapuro z'inzira zabahesha uburenganzira bwo gutahuka. Gusa, nk'uko byemezwa n'ubuyobozi bw'ishyaka, izo mpapuro kugeza magingo aya ntabwo ubutegetsi bw'u Rwanda bwari bwazitanga. Ntibunasobanura impamvu ituma izo mpapuro zitinda, dore ko madame Ingabire n'abazamuherekeza bari batanze ibyangombwa byose bisabwa. Ubutegetsi bwa FPR bwaba se mama budashaka kuzitanga? Ku zihe mpamvu? Byaba se ari ukugira ngo amezi asabwa n'itegeko kugira ngo uwiyamamariza umwanya wa Perezida ashire batarakandagiza ikirenge mu gihugu, bityo be kuzemererwa?

Igiteye impungenge abayobozi b'ishyaka n'uko igihe Ingabire na bagenzi be buzuzaga impapuro zisaba ibya ngombwa byo gutahuka, abahagarariye u Rwanda basabye ko hakwandikwaho ko impamvu yo gutaha yaba ari ukujya gukorera politiki mu gihungu. Byaba se intandaro yo kugundira izo mpapuro cyangwa kuzikerereza kugirango FDU itazabona igihe gihagije cyo kwiyamamaza no gushimangira inzego zayo mu Rwanda mbere y'amatora?

Ibyo ari byo byose, ubutegetsi bw'ishyaka bukomeje gusobanurira Abanyarwanda n'amahanga iby'uwo mugambi wabo.
Ni muri urwo rwego uyobora ishyaka, madame Ingabire Umuhoza Victoire atahutse mu rugendo yagiriye muri Leta zunze ubumwe za Amerika.
Nk'uko bisobanurwa n'ubuyobozi bw'ishyaka, urwo rugendo rwari rugamije by'umwihariko kubonana n'Abanyarwanda batuye muri icyo gihugu kugira ngo bubasobanulire imigabo n'imigambi y'icyo cyemezo. Rwari rugamije kandi gusobanurira abategetsi b'icyo gihugu gifitanye ubucuti n'u Rwanda, inzitizi zikiri mu nzira yo gutahuka no gukorera mu Rwanda, no kubasaba inkunga, kugira ngo Abanyarwanda bose bagire uburenganzira bumwe ari mu by'uburezi, ubukungu, mu gahabwa akazi ndetse no mu bijyanye n'ubutabera.

Uretse abategetsi, umukuru wa FDU yanabonanye n'amashyirahamwe n'imiryango ikorera mu karere k'ibiyaga bigali ayasaba nayo kwitabira gukora ibishoboka byose kugira ngo ayo matora ya 2010 azabe mu bwisanzure buzira ubutiriganya. Mu bibazo byabajijwe umuyobozi wa FDU harimo kumenya niba ubutegetsi buriho i Kigali bwaba bwiteguye guha urubuga amashyaka atavuga rumwe nabwo, dore ko ngo icyemezo giherutse cyo kwima ubuzima gatozi amashyaka mashya yashakaga kuvuka yaba yarabateye impungenge. Abanyarwanda cyane cyane banenga uburyo amatora yo mu mwaka wa 2003 yaba yaragenze, dore ko n'abari bahagarariye

ibihugu by'uburayi baba baragaragaje bimwe mu bitaragenze neza muri rapport yabo iherutse gusohoka. Banenze cyane cyane ukudafunga amasanduku y'amajwi itora rigisoza, no kutabarurira kuri buri biro by'itora.

Mu mibonano yose yagize, umuyobozi wa FDU yashimangiye ko u Rwanda rugomba gutera umugongo umuco mubi wadutse wo guhindura ubutegetsi binyuze mu ntambara. Yibukije ko uwo muco nta kindi wageraho uretse gukomeza guheza abana b'u Rwanda intage no gufutera urwangano.
Yavuze ko yiteguye gukora ibishoboka byose kugira ngo u Rwanda rubone amahoro asesuye, n'ubwo atirengagije ko inzira ikirimo amahwa menshi, kuko nk'uko akomeje kubivuga, ubutegetsi buriho butorohera abatavuga rumwe nabwo.